# IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER

KAMENA 2025

## MBAZI- HIBUTSWE ABATUTSI BAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 BAROSHYWE MURI RUKARARA, HANASHYINGURWA MU CYUBAHIRO IMIBIRI 42



SOMA PAJI YA 4

SOMA PAJI YA 7

## ABASENATERI BAGIRANYE IBIGANIRO N'UBUYOBOZI BW'AKARERE MU RWEGO RWO KUREBA AHO KAGEZE KUBAHIRIZA IHAME RY'UBUMWE N'UBUDAHERANWA BW'ABANYARWANDA



SOMA PAJI YA 8

## MU KARERE HATANGIJWE KU MUGARAGARO POROGARAMU Y'ISUKU N'ISUKURA





SOMA PAJI YA 9

## BRAC YASINYANYE N'AKARERE AMASEZERANO Y'UBUFATANYE MU GUKURA ABATURAGE MU BUKENE

# MUSHUBI- HIBUTSWE ABAGORE N’ABANA BAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994



***Hon. MURUMUNAWABO na Meya NIYOMWUNGERI mu #Kwibuka31 abagore n’abana i Mushubi***

Ku wa 01 Kamena 2025, mu Murenge wa Mushubi, habereye umuhango wo kwibuka ku nshuro ya 31 abagore n'abana bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 aho Umushyitsi Mukuru yari Honorable Depite MURUMUNAWABO Cécile.

Mu ijambo ry'ikaze, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yasabye abitabiriye uyu muhango kwimika ubumwe.

Yaragize ati: “Murasabwa kwimika ubumwe. Murasabwa kandi kwirinda amacakubiri n’ingengabitekerezo ya Jenoside.”

Honorable MURUMUNAWABO yavuze ko kwica abagore n'abana ari igisobanuro cyo kurimbura umuryango.

Yaragize ati: “Kwica abagore n’abana, ni ikimenyetso nyakuri cyo kurimbura umuryango kuko ni bo ushingiyeho.”

Yavuze kandi ko bibabaje kuba hari abagore bishe abana n'ababyeyi muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yasabye buri wese kwirinda ingengabitekerezo ya Jenoside.

By'umwihariko yasabye urubyiruko kwima amatwi abahakana bakanapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.




***Hon. MURUMUNAWABO yavuze ko kwica abagore n’abana ari ikimenyetso cyo kurimbura umuryango***

Muri uyu muhango, habayeho kandi igikorwa cyo kunamira imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 iruhukiye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Mushubi.

Hashyizwe kandi indabo ku Kimenyetso cyo Kwibuka kiri mu Kigo Nderabuzima cya Mushubi ahiciwe abagore n'abana no ku cy'ahazwi nko ku Ikoni, ahiciwe abagabo bari bavanwe ku biro bya Komini Mushubi bajyanwe ku bya Komini Kaduha.



***Imibiri y’Abatutsi bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 iruhukiye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Mushubi yarunamiwe***

## URUGANDA RW'ICYAYI RWA KITABI RWIBUTSE ABAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 BARUKORERAGA



***Mu muhango wo #Kwibuka31 abari abakozi b'Uruganda rw'Icyayi rwa Kitabi bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994***

Ku wa 19 Kamena 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yifatanyije n'ubuyobozi bw'Uruganda rw'Icyayi rwa Kitabi (Kitabi Tea Factory) n'abakozi barwo, mu muhango wo kwibuka abarukoreraga bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Bamwe mu barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bahoze bakorera Uruganda rw'Icyayi rwa Kitabi hamwe n'abafite ababo biciwe muri uru Ruganda, bavuga ko na mbere y'umwaka wa 1994 harangwaga ivangura no gutoteza Abatutsi.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA, yavuze ko Uruganda rw'Icyayi rwa Kitabi rwagize uruhare mu gutiza umurindi Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu gace ruherereyemo, bityo ubuyobozi bwarwo bugomba guhora rukora ibyiza bigamije kubaka Igihugu mu rwego rwo gukuraho icyo cyasha rwambitswe n'ubuyobozi bubi bwaruyoboraga muri icyo gihe.

Amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Ruganda rw'Icyayi rwa Kitabi, ahuzwa n'uwari umuyobozi warwo witwa Kamodoka Denis.

Uyu ashinjwa kugira uruhare rukomeye mu iyicwa ry'Abatutsi bakoraga muri uru Ruganda.

Umwe mu bakoraga muri uru Ruganda mbere no mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi, yaragize ati: "Kamodoka ntabwo yakundaga Abatutsi. Jenoside itangiye yakoze urutonde azana abaza kutwica, ntabwo tuzi aho ari ariko turifuza ko yakurikiranwa akazanwa mu Rwanda akaryozwa ibyo yakoze".

Muri iki gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Uruganda rw'Icyayi rwa Kitabi, rwagabiye inka imiryango ibiri y'Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu rwego rwo kuyifasha kwiyubaka no gutera imbere.



***Bamwe mu bakoraga muri uru Ruganda barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bagabiwe inka***


# MBAZI- HIBUTSWE ABAZIZE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1994 BAROSHYWE MURI RUKARARA, HANASHYINGURWA MU CYUBAHIRO IMIBIRI 42



***Guverineri KAYITESI, Meya NIYOMWUNGERI n'abandi bayobozi batandukanye mu #Kwibuka31 i Mbazi***

Ku wa 21 Kamena 2025, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Madame Alice KAYITESI ari kumwe na Honorable Senateri Emmanuel HAVUGIMANA, bifatanyije n'Ubuyobozi bw'Akarere mu muhango wo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 wabereye ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Mbazi.

Uyu muhango witabiriwe kandi na Hononorable Senateri Bibianne GAHAMANYI Mbaye, Hononorable Senateri MUGISHA Alexis, Honorable Depite Aline INGABIRE na Hononorable Depite Sarah KAYITESI.



***#Kwibuka31 i Mbazi byabanjirijwe no kunamira Abatutsi bajugunywe muri Rukarara***

Honorable Senateri HAVUGIMANA yatanze ikiganiro ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu cyahoze ari Perefegitura ya Gikongoro by'umwihariko mu cyahoze ari Komini Rukondo kuri ubu ibarizwamo igice cy'Umurenge wa Mbazi.

Guverineri KAYITESI yasabye abakiri bato guharanira kugira ubutwari, ubumwe, gukunda umurimo, kwanga ubugwari no kwirinda ababibibamo amacakubiri hamwe n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

By'umwihariko yasabye ababyeyi kurera neza abana babo birinda kubabibamo amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside.



***Guverineri KAYITESI yasabye ababyeyi bitabiriye #Kwibuka31 i Mbazi, kurera abana babo birinda kubabibamo amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside***

Umuhango wo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu byahoze ari Amakomini ya Rukondo, Karama n'andi byahanaga imbibi, wasojwe no gushyingura mu cyubahiro imibiri 42 irimo 38 yabonetse ahakorwaga amaterasi mu Murenge wa Mbazi n'indi 4 yimuwe mu wa Nyagisozi wo mu Karere ka Nyanza yari ishyinguye mu ngo.

# URUGAGA NYARWANDA RW'AMAKOPERATIVE (NCCR) RWASUYE URWIBUTSO RWA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI RWA MURAMBI



***Guverineri KAYITESI na Meya NIYOMWUNGERI bari mu bifatanyije na NCCR mu #Kwibuka31 ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi***

Ku wa 20 Kamena 2025, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Madame Alice KAYITESI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI bifatanyije n'Urugaga Nyarwanda rw'Amakoperative (NCCR), mu muhango wo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 wabereye ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi.

Uyu muhango wabanjirijwe no kunamira imibiri isaga ibihumbi 50 y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 iruhukiye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi.



***Hunamiwe Imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 iruhukiye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi***

Abanyamuryango ba NCCR basaga 1000 bari bahagarariye abandi, basobanuriwe amateka yaranze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 by'umwihariko ayo mu cyahoze ari Perefegitura ya Gikongoro.

Umuyobozi w'Urugaga Nyarwanda rw'Amakoperative, UMULISA Jeannette yavuze ko kwibuka no kuzirikana by'umwihariko abahoze ari abanyamuryango b'amakoperative bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ari ngombwa kuko bibasubize icyubahiro bambuwe n'ababishe babaziza ko ari Abatutsi.

Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Madame Alice KAYITESI yavuze ko kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ari isoko Abanyarwanda bavomamo imbaraga zo kubaka Igihugu.

Yavuze kandi ko uyu ari umwanya wo gushimira Ingabo zari iza RPA-Inkotanyi zabohoye Igihugu, ubu buri wese akaba atewe ishema no kwitwa Umunyarwanda.

Yasabye ababyeyi kwigisha abana amateka nyakuri yaranze u Rwanda by'umwihariko aya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.




***Guverineri KAYITESI yasabye ababyeyi kwigisha abana babo amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994***

## URUBYIRUKO RUBARIZWA MURI PANAFRICANISM MOVEMENT, ISHAMI RY'U RWANDA, RWASUYE URWIBUTSO RWA JENOSIDE RWA MURAMBI



***Urubyiruko rwo muri Komisiyo y'Urubyiruko muri PAM Rwanda, rwasuye Urwibutso rwa Jenoside rwa Murambi***

Ku wa 07 Kamena 2025, ku Rwibutso rwa Jenoside rwa Murambi, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yahaye ikiganiro urubyiruko rubarizwa muri Komisiyo y'Urubyiruko mu Umuryango uharanira kwihuza no kwigenga kw'Abanyafurika, Pan African Movement (PAM), Ishami ry'u Rwanda.

Nyuma yo kunamira imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 isaga ibihumbi 50 iruhukiye muri uru Rwibutso, uru rubyiruko rwasobanuriwe itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 by'umwihariko mu cyahoze ari Perefegitura ya Gikongoro.




***Meya NIYOMWUNGERI aganiriza urubyiruko rwo muri PAM Rwanda***

Nyuma yo gusobanurirwa no kwibonera amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda, uru rubyiruko rwiyemeje kuba umusemburo w'ibyiza rwanga ikibi.

Rwiyemeje kandi kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside no guhangana n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu 1994.

Umwe mu rubyiruko rugize iyi Komisiyo ati: "Mu by'ukuri nk'uko babidusobanuriye, urubyiruko rwagize uruhare rukomeye mu ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kandi murabizi ko ari twe mbaraga z'Igihugu. Rero ni ahacu kugira ngo turwane n'abo bahakana bakanapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Njyewe na bagenzi banjye turiteguye."

Undi ati: "Gukunda Igihugu ni cyo cya mbere. Abenshi bahagaritse Jenoside bari mu myaka nk'iyi yacu, bari bato, ntabwo bikunze ahubwo bakunze Igihugu muri rusange. Rero natwe ubu hari byinshi Igihugu kidukeneyeho kandi hari byinshi byadufasha kugera ku ntego zacu. Tuzakora igishoboka cyose kugira ngo tucyiture ibyiza cyaduhaye."

Umuryango Pan African Movement (PAM) washinzwe mu 1946 nyuma y'Intambara ya Kabiri y'Isi. PAM, Ishami ry'u Rwanda watangiye ku wa 8 Kanama 2015 n'Abanyarwanda bagamije gufatanya n'abandi Banyafurika guharanira agaciro no kwigira kw'abatuye uyu mugabane.

# ABASENATERI BAGIRANYE IBIGANIRO N'UBUYOBOZI BW'AKARERE MU RWEGO RWO KUREBA AHO KAGEZE KUBAHIRIZA IHAME RY'UBUMWE N'UBUDAHERANWA BW'ABANYARWANDA



*Ambasaderi Senateri RUGIRA na Hon. Senateri NYIRASAFARI basuye Akarere*

Ku wa 05 Kamena 2025, Ambasaderi Senateri RUGIRA Amandin ari kumwe na Honorable Senateri NYIRASAFARI Espérance bo muri Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano, bagiranye ibiganiro n'ubuyobozi bw'Akarere hamwe n'abahagarariye ibyiciro binyuranye ku bikorwa mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside no guteza imbere Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.

Ibiganiro bagiranye byitezweho kongera imbaraga mu gushyira mu bikorwa ingamba zo kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside no guteza imbere Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda mu Karere.



*Ibiganiro ku iyubahirizwa ry'ihame ry'Ubumwe n'Ubudaheranwa byitabiriwe n'ibyiciro bitandukanye mu Karere*

Ku rwego rw'Akarere, ibi biganiro byitabiriwe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA, abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere, abahagarariye amadini n'amatorero n'abandi.

Kuva ku wa 03 Kamena 2025, ni bwo Abasenateri bo muri Komisiyo y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane n'Umutekano muri Sena y'u Rwanda basuye Uturere dutandukanye two mu Gihugu, bagamije gushimangira ubufatanye mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside no guteza imbere Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.

Bagiranye ibiganiro n'abayobozi ku rwego rw'Uturere, abaturage n'inzego z'umutekano.

Baganiriye ku byagezweho no ku mbogamizi zikiriho mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside no kubaka Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.

Bagaragaje akamaro k'uruhare rw'inzego zose mu guharanira ubumwe no gushishikariza buri wese kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside.

Bashimangiye ko imbaraga zishyirwa mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside no guteza imbere Ubumwe n'Ubudaheranwa ari ingenzi mu kubaka Igihugu kizira amacakubiri.

# MU KARERE HATANGIJWE KU MUGARAGARO POROGARAMU Y'ISUKU N'ISUKURA (WASH PROGRAM)



*Mu Murenge wa Kibilizi hatangirijwe ku mugaragaro Porogaramu y'Amazi, Isuku n'Isukura mu Karere*

Ku wa 03 Kamena 2025, mu Murenge wa Kibilizi, hatangirijwe ku mugaragaro Porogaramu y'Amazi, Isuku n'Isukura mu Karere aho Umuyobozi Mukuru Ushinzwe Amazi, Isuku n'Isukura muri Minisiteri y'Ibikorwaremezo (MININFRA), Gemma MANIRARUTA ari we wari Umushyitsi Mukuru.

Mu ijambo ry'ikaze, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI, yagaragaje ko uyu mushinga uje ukenewe.

Yaragize ati: "Mu ngo ibihumbi 92 zibarurwa mu Karere ka Nyamagabe zigizwe n'abaturage ibihumbi 374, 51% mu bazigize, ni bo bafite amazi meza hafi yabo gusa, mu gihe abatarenga 5% ari bo bayafite mu ngo".

Uretse kuvoma kure, yanavuze ko hari abaturage batari bake bakivoma amazi mabi, ariko uyu mushinga ukaba uzasiga bishyizweho iherezo.

Ati: "Dufite ingo zingana na 18% zikivoma amazi yo ku masoko atari meza, turizera ko hamwe n'uyu mushinga, iki kibazo tuzagisezerera."

Umuyobozi Mukuru Ushinzwe Amazi, Isuku n'Isukura muri Minisiteri y'Ibikorwaremezo (MININFRA), Gemma MANIRARUTA yavuze ko mu ntego za Gahunda ya Kabiri y' Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST2), harimo ko amazi meza azagera muri buri Mudugudu, ari na yo mpamvu uyu mushinga waje gutanga umusanzu mu Karere ka Nyamagabe.

Yakomeje asaba abaturage kuzifashisha aya mazi bazamura isuku, bakaniteza imbere.

Yaragize ati: "Amazi ni iterambere kuko iyo yakwegereye wunguka igihe watakazaga uvoma. Niba wavomaga ijerikani mu isaha, atanu aboneka mu masaha atanu. Amazi nakwegera ukajya uvoma ijerikani imwe mu munota umwe, ikindi gihe uzajya ugikoramo indi mirimo biguteze imbere."



*Umuyobozi Ushinzwe Amazi, Isuku n'Isukura muri MININFRA, Madame MANIRARUTA*

Porogaramu y'Amazi, Isuku n'Isukura mu Karere, izashyirwa mu bikorwa ku bufatanye bwa Leta y'u Rwanda n'abafatanyabikorwa batandukanye barimo Water Aid na Water for People.

Bitegeganyijwe ko mu gihe cy'imyaka 5, izaba yamaze kugeza amazi meza ku baturage bose batuye Akarere.

# BRAC YASINYANYE N'AKARERE AMASEZERANO Y'UBUFATANYE MU GUKURA ABATURAGE MU BUKENE



***Meya NIYOMWUNGERI n'uhagarariye BRAC basinya amasezerano y'ubufatanye***

Ku wa 04 Kamena 2025, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA bakiriye itsinda ryaturutse mu Muryango BRAC, bagirana ibiganiro byibanze kuri gahunda yo kuvana abaturage b'Akarere mu bukene.

Nyuma y'uko abagize iri tsinda bagaragarije ubuyobozi bw'Akarere uburyo buhamye Umuryango BRAC uzafasha abaturage b'Akarere bari mu nzira yo kwivana mu bukene kwiteza imbere, habayeho igikorwa cyo gusinya amasezerano y'ubufatanye muri iyi gahunda.



***Nyuma yo gusinya amasezerano, akanyamuneza kari kose ku Bayobozi***

Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yavuze ko aya masezerano ari urufunguzo rw'icyizere rukomeye ku baturage b'Akarere bari mu nzira yo kwivana mu bukene.




***Amasezerano ubuyobozi bw'Akarere bwasinyanye na BRAC, ni ayo gufasha abaturage kwikura mu bukene***

BRAC ni umuryango mpuzamahanga uharanira iterambere no kuvana abantu mu bukene.

Watangiye gukora mu 1972, uhera muri Bangladesh. Nyuma y'imyaka 20 waguye ibikorwa byawo bigera mu bihugu 15 byo hirya no hino ku Isi.

BRAC ifasha imishinga itandukanye yaba iri mu burezi, ubuhinzi no kwihaza mu biribwa, ubuzima n'igamije gufasha urubyiruko kwigira.




***Meya NIYOMWUNGERI, Visi Meya UWAMARIYA, intumwa za BRAC n'Abayobozi b'Amashami mu Karere mu ifoto y'urwibutso***

# SANGWA ALLIANCE WIGA MURI GS GATARE YABAYE UWA MBERE MU GIHUGU, MU MARUSHANWA YO KURENGERA IBIDUKIKIJE




*SANGWA yahembwe nk'uwahize abandi mu kiciro cy'abiga mu mashuri abanza*

Ku wa 05 Kamena 2025, mu birori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wo kurengera Ibidukikije byabereye mu Mujyi wa Kigali, ni ho hatangarijwe ko SANGWA Alliance wiga muri GS Gatare, ishuri rihererereye mu Murenge wa Gatare yabaye uwa mbere ku rwego rw'Igihugu, mu marushanwa yo kurengera ibidukikije mu kiciro cy'amashuri abanza.

Aya marushanwa yateguwe n'Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije (REMA) ku bufatanye n'abafatanyabikorwa batandukanye, yibanze ku guca ihumana riterwa na pulasitiki harengerwa urusobe rw'ibinyabuzima.

SANGWA yahesheje ishuri yigaho rya GS Gatare, ishimwe ry'amafranga y'u Rwanda angana na miliyoni n'igice.




*Minisitiri w'Ibidukikije, Dr. UWAMARIYA Valentine ashimira SANGWA*




*SANGWA yahembewe mu birori byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wo kurengera Ibidukikije*

# IKIPE YA HANDBALL YO MURI ES NYAMAGABE YABONYE ITIKE YO KWITABIRA IMIKINO YA FEASSSA 2025 IZABERA MURI KENYA MURI KANAMA




***Ikipe ya Handball y'abakobwa ya ES Nyamagabe yatwaye igikombe mu irushanwa "AMASHURI KAGAME CUP U-20"***

Ku wa 08 Kamena 2025, ikipe ya Handball y'abakobwa ya Ecole des Sciences Nyamagabe, yatwaye igikombe mu irushanwa "AMASHURI KAGAME CUP U-20" ku rwego rw'Igihugu, aho yatsinze iya ES Kiziguro ku mukino wa nyuma.

Gutwara iki gikombe, byahise binayihesha itike yo kuzahagararira u Rwanda mu marushanwa y'imikino ahuza ibigo by'amashuri yisumbuye byo mu Karere u Rwanda ruherereyemo.

Aya marushanwa ategurwa n'Ishyirahamwe ry'Imikino mu Bigo by'Amashuri yisumbuye muri Afurika y'Iburasirazuba (FEASSSA).

Ay'uyu mwaka akaba azabera mu gihugu cya Kenya muri Kanama 2025.

Aya marushanwa aba agizwe n'imikino itandukanye irimo Football, Basketball, Netball, Handball, Rugby, Tennis n'iyindi. Yitabirirwa ahanini n'abanyeshuri bo mu bigo by'amashuri yisumbuye baturutse mu Rwanda, Tanzania, Kenya, Uganda na Zanzibar.




***Iki gikombe ikipe y'abakobwa ya Handball ya ES Nyamagabe yatwaye, cyayihesheje itike yo kwitabira imikino ya FEASSSA izabera muri Kenya muri Kanama 2025***

# INTARA YASUYE AKARERE MU RWEGO RWO KUREBA AHO KAGEZE KESA IMIHIGO Y'UMWAKA WA 2024-2025



***Guverineri KAYITESI, Gitifu w'Intara NSHIMIYIMANA n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Intara basuye Akarere bareba aho kageze kesa imihigo ya 2024-2025***

Ku wa 11 Kamena 2025, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Madame Alice KAYITESI ari kumwe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara, Bwana Védaste NSHIMIYIMANA hamwe n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Intara barimo Umuyobozi wa Diviziyo ya 4, Maj. General Vincent GATAMA, basuye Akarere mu rwego rwo kureba aho kageze kesa imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2024-2025.

Nyuma yo kugaragarizwa mu nyandiko aho Akarere kageze kesa iyi mihigo, itsinda ryari riyobowe na Guverineri KAYITESI, riherekejwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA, ryasuye ubwanikiro bw'ibigori n'igice cy'igishanga cya Mushishito cyasanwe mu Murenge wa Kibilizi.

Mu Murenge wa Tare, ryasuye umuhanda wa TEMATA- RYARUBONDO n'ikiraro cyo mu Kirere bihuza Akarere ka Nyamagabe n'aka Nyaruguru.

Mu Murenge wa Gasaka, abagize iri tsinda basuye ruhurura zubatswe mu Nkambi y'Impunzi ya Kigeme n'inzu y'ababyeyi yubatswe mu Kigo Nderabuzima cya Nyamagabe.

Mu Murenge wa Cyanika, ryasuye amaterasi yakozwe ku bufatanye n'umushinga CDAT.

Itsinda ryari riyobowe n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara, Bwana NSHIMIYIMANA riherekejwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA ryasuye umuyoboro w'amazi wasanwe mu Murenge wa Kaduha, inzu y'ababyeyi yubatswe mu Kigo Nderabuzima cya Mugano n'inzu zasanwe mu Mudugudu w'Icyitegererezo wa Mugano, mu Murenge wa Mugano.

Nyuma yo gusura ibi bikorwa, aya matsinda yagaragarije ubuyobozi bw'Akarere n'abakozi bako uko basanze ibi bikorwa bihagaze.

Muri rusange, Guverineri KAYITESI yavuze ko byinshi muri ibi bikorwa byageze ku musozo kandi bimeze neza.

Gusa yanatanze inama z'ibigomba kunozwa mu rwego rwo kurushaho kwitegura isuzuma ry'imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2024-2025 rizakorwa n'Ikigo cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) mu mpera za Nyakanga 2025.

# URUBYIRUKO RWO MU KARERE RUGERA KU 185 RWAHAWE IBIKORESHO BY'IMYUGA



***Urubyiruko rwo mu Karere rwize imyuga mu mwaka wa 2024-2025 rwashyikrijwe ibikoresho***

Ku wa 12 Kamena 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA, yashyikirije urubyiruko rugera ku 185 rwo mu Karere, ibikoresho by'imyuga bitandukanye.

Visi Meya UWAMARIYA yasabye uru rubyiruko kubyaza umusaruro ibikoresho rwahawe.

Yaragize ati: "Turabasaba kubyaza umusaruro ibi bikoresho muhawe. Ntimuzabigurishe.

Turasaba kandi abakiri mu myaka yo kwiga mu mashuri asanzwe, gusubira ku ishuri kuko ni bwo imyuga mwize izarushaho kubagirira akamaro".



***Visi Meya UWAMARIYA ashyikiriza imashini idoda umwe mu basoje amasomo y'imyuga***

Uru rubyiruko rwashimiye ubuyobozi bw'Akarere bwarufashije kwiga imyuga bukaba bunabahaye ibikoresho bizarufasha mu gushyira mu bikorwa ibyo rwize.

Rwabwijeje ko buzabibyaza umusaruro rukiteza imbere ndetse rukanateza imbere Igihugu muri rusange.



***Visi Meya yasabye uru rubyiruko kutagurisha ibi bikoresho rwahawe***

Urubyiruko rwashyikirijwe ibikoresho, ni urwafashijwe n'Akarere kwiga imyuga itandukanye mu gihe cy'amezi 6 mu mwaka wa 2024-2025.

Rwize muri Don Bosco Nyamagabe TSS, Kibumbwe TSS na Kaduha TSS.

Mu rubyiruko 185 rwahawe ibikoresho by'imyuga, 104 rwize ubudozi, 46 rwiga ubwubatsi, 9 rwiga ububaji, 17 rwiga ubukanishi mu gihe 19 rwo rwize gutunganya imisatsi.

# INAMA ITEGURA IGIHEMBWE CY'IHINGA 2025 C YIBANZE KU BUHINZI BW'IMBOGA MU BYANYA BYUHIRWA



***Mu Karere habaye inama itegura igihembwe cy'ihinga 2025C***

Ku wa 13 Kamena 2025, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMAMA yayoboye inama itegura igihembwe cy'ihinga cya 2025C.

Afungura iyi nama, Visi Meya HABIMANA yasabye abashinzwe ubuhinzi mu Mirenge gushyira imbaraga mu kongera ubuso buhingwaho imboga by'umwihariko mu byanya byuhirwa.

Yaragize ati: "Murasabwa gushyira imbaraga mu kongera ubuso buhingwaho imboga mu byanya byuhirwa.



***Mu nama itegura igihembwe cy'ihinga 2025C, Visi Meya HABIMANA yasabye ko hongerwa ubuso buhingwaho imboga mu byanya byihurwa***

Tugiye kwinjira mu gihe cy'izuba ryinshi. Murasabwa gukangurira abahinzi guhinga imboga kandi bakajya bazuhira. Mwarabibonye ko mu mpeshyi ishize mu gishanga cya Mwogo giherereye mu Murenge wa Kamegeri, abahinzi baho bahinze ku bwinshi imboga kandi zababyariye umusaruro kuko bazitayeho bakajya bazuhira. Ibi rero nimubishishikariza abahinzi, twizeye ko no muri iki gihembwe tuzabona umusaruro nk'uriya cyangwa uruseho."



***Visi Meya HABIMANA yavuze ko kongera umusaruro w'imboga mu Karere byagaragaye ko bishoboka***

Buri gihembwe cy'ihinga kiba gifite ibihingwa byagenwe bigomba kugihingwamo.

By'umwihariko mu gihembwe cya C, hakunze guhingwa imboga mu bishanga n'ahandi hatunganyijwe huhirwa imyaka.

Muri iyi nama kandi haganiriwe kuri gahunda yo kuzamura umusaruro ukomoka ku bworozi binyuze mu mushinga RDDP II.

# MU KARERE HATERANYE INTEKO RUSANGE Y’ABAFATANYABIKORWA MU ITERAMBERE RY’AKARERE (JADF NYAMAGABE)



***Inteko Rusange ya JADF Nyamagabe yarateranye***

Ku wa 26 Kamena 2025, mu Karere hateranye Inteko Rusange y’Ihuriro ry’Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry’Akarere (JADF Nyamagabe) yari iyobowe na Perezida wayo, Pasiteri NZIMURINDA Emmanuel.

Iyi nama kandi yagarutse ku ngingo zitandukanye zirimo gusangira amakuru ku byagaragajwe n’Ubushakashatsi bwa Karindwi ku Mibereho y'Ingo muri Rusange (EICV7).

Harebwe kandi kuri gahunda y’Igihugu yo gufasha abaturage b’amikoro make kwikura mu bukene (Graduation), abafatanyabikorwa basabwa uruhare rufatika muri iyi gahunda.

Atangiza iyi nama, Umuyobozi w’Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry’Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yashimye uruhare rw’abafatanyabikorwa mu iterambere ry’Akarere muri rusange.

Yashimye kandi ubufatanye bagaragaza mu iyeswa ry’imihigo y’Akarere.



***Abagize Ihuriro ry’Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry’Akarere basabwe kugira uruhare rukomeye muri gahunda yo kuvana abaturage mu bukene***

# INAMA NJYANAMA Y'AKARERE YARATERANYE YEMEZA IBIRIMO INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE Y'UMWAKA WA 2025-2026



*Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yemeje ingengo y'imari y'Akarere ya 2025-2026*

Ku wa 27 Kamena 2025, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO yayoboye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yemeje ibirimo ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2025-2026.

Ingengo y'imari y'Akarere yemejwe n'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere igera kuri miliyari 43 z'amafaranga y'u Rwanda.

Azifashishwa mu bikorwa birimo iby'iterambere.

Ni bwo bwa mbere ingengo y'imari y'Akarere ka Nyamagabe igeze kuri aya mafaranga.

Mu bindi inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yemeje, harimo raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yateranye ku wa 31 Werurwe 2025, raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2024-2025, ishyirwa mu bikorwa ry'itangwa ry'amasoko ya Leta y'umwaka wa 2024-2025 n'igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta y'umwaka wa 2025-2026.



*Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, Bwana SAMVURA Valens asobanurira Abajyanama b'Akarere uko ingengo y'imari ya 2024-2025 yakoreshejwe*



*Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame UWAMAHORO ni we wayoboye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yateranye ku wa 27 Kamena 2025*



*Ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2025-2026 igera kuri miliyari 43 z'amafaranga y'u Rwanda ni yo yemejwe n'Inama Njyanama y'Akarere*

This Newsletter was produced

by

Callixte NDAGIJIMANA

Public Relations, Media and Communication Officer

Contacts:

Email: pro@nyamagabe.gov.rw

Phone: +250783353060